CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**UBUTUMWA BW'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BUGENEWE ABAKRISTU KU MUNSI MUKURU WA PASIKA**

Tariki ya 12 mata 2020.

***"Mwigira ubwoba. Murashaka Yezu w'i Nazareti, uwabambwe ku musaraba, yazutse ntakiri hano" (Mk 16,6).***

Basaserdoti, biyeguriyimana, bakristu bavandimwe,

1. Kuri uyu munsi mukuru wa Pasika udasanzwe, twebwe abepiskopi banyu twifuje kubohereza ubu butumwa buhumuriza kandi bwifuriza buri wese amahoro y'Imana uko Yezu Kristu wazutse yahoraga ayifuriza abigishwa be.

2. Tuzi ko muri Diyosezi zose habaye misa ya Pasika muri za kiliziya zitarimo abakristu zasomwe n'abasaserdoti abakristu basengera iwabo mu ngo. Uko kuba nta bakristu bari mu Kiliziya biratwumvisha ubukomere bw'igihe turimo n'indwara turwana nayo. Ni indwara itarabona umuti n'urukingo, ariyo mpamvu uburyo bwa mbere bwo kuyirinda ari ukuguma mu rugo.

3. Ariko tuzi ko Imana turi kumwe, ituri iruhande kandi ikadufasha. Turi abakristu kuko twemera Yezu Kristu wazutse akazukira kudukiza; ni muzima, ari hagati yacu, ari mu mateka yacu arashaka kuduha ubuzima bushya, aradufasha gutsinda ibituziga byose. Yabayeho nk'undi muntu wese, asa natwe muri byose uretse icyaha, azi ikibabaje abantu, kandi ikibi cyose agitsindisha urukundo n'ineza kuko yumviye Imana mu buzima bwe bwose. No muri ibi bihe bya Koronavirusi aratubwira ati *"Nimuhaguruke maze mwambaze kugira ngo mutagwa mu bishuko"* (Lk 22,46); ibishuko byo kwiheba, ibishuko byo kutita ku byo batubwira, ibishuko byo kumva bitatureba. Pasika itwibutsa ko dufite ubundi buryo bwo kubaho no gutsinda bushingiye ku mutsindo wa Kristu, kuko intsinzi ye ari iyacu twese, ukuzuka kwe kukaba ukuzuka kwacu twese. Niyo mpamvu iki gihe cya Pasika kigomba kurangwa n'amasengesho no gushyira hamwe.

4. Amasengesho kuko tugomba kwishyira mu biganza by'Imana, turi abantu bemera, tukayisaba gusa na Kristu watsinze icyaha n'urupfu; tuzi ko Imana igenga ubuzima bwacu, igenga ibiriho byose, igenga isi n'ijuru. Ni ngombwa rero kuyerekezaho umutima wacu muri ibi bihe, twisabira, dusabira isi n'ingorane irimo, dusabira abayitabye kugira ngo ibakire mu bwami bwayo, dusabira abarwayi kugira ngo ibakize, dusabira abadufasha mu buyobozi, abavura, kugira ngo bakomeze umujishi, dusabira ndetse n'abatararwara kugira ngo Imana ibarinde icyo cyorezo.

5. Pasika kandi uko bisanzwe ni n'igihe cyo kwita ku bandi, tukibuka abakene n'abatishoboye. Muri iki gihe cya Koronavirusi, abantu benshi bagerageje gufasha abandi. Mu madiyosezi yose, abakristu, caritasi za Diyosezi n'iz'amaparuwasi zafashije ku buryo zishoboye abantu batari

bafite ikibatunga zifatanyije n'abatangaga inkunga Leta yatanze. Hari ndetse n'amaparuwasi yashyizeho urubuga rufasha abakristu kumenya uko umuturanyi yaramutse kugira ngo bashobore gufasha abatishoboye. Kimwe rero iki gihe kigomba kutwigisha **ni ukumenya kwita ku bandi**, kutaba nyamwigendaho, kumera nka Yezu Kristu waje kw'isi kugira ngo adukize. Icyamuranze ni ukudatererana abandi ahubwo akabitangira. Bifashe buri wese kumenya kwitangira urugo rwe, kwitangira Kiliziya, kwitangira igihugu cye, kwitangira abandi. Muri iki gihe cya Koronavirusi twumve ko uburyo tubayeho bushobora kwica cyangwa bugakiza. Buzakiza niba ukurikiza ibyo bakubwira, gukaraba kenshi, gushyira hagati yawe na mugenzi wawe nibura metero n'igice kugira ngo utamwanduza, kuguma mu rugo ugasohoka ari uko ari ngombwa n'izindi nama zose batugira. Niba utumva amabwiriza baguha, ushobora kwandura, ukanduza mugenzi wawe, ukanduza n'abandi utangiriye ku bakuri iruhande. Gira rero amatwara meza, ba mu ruhande rugira neza aho kuba mu rugira nabi.

6. Tumaze icyumweru twibuka jenoside yakorewe abatutsi. Uretse ubugome n'inabi yaranze abayiteguye n'abayishyize mu bikorwa, kimwe mu bintu bikomeye byagaragaye ni ukutita ku biba kuri mugenzi wawe ukumva bitakureba, abantu bagapfa abandi barebera bumva ko ariko bigomba kumera n'ubwo hari abakijijwe n'umutima mwiza wa bagenzi babo. Yezu Kristu we yaje hano kw'isi afata umubiri nk'uwacu, abaho nkatwe uretse icyaha. Natwe twumve ko dusangiye gupfa no gukira, ko turi abavandimwe kandi ko hamwe twese tugomba gufatanya gutsinda ikibi aho cyaba giturutse hose. Yezu Kristu yatwitangiye atareba niba turi abanyabyaha cyangwa intungane; natwe twumve ko tugomba gufasha, guhoza no gushyigikira abagizweho ingaruka na jenoside yakorewe abatutsi, tubafasha gukira ingaruka zayo, tubafasha gushobora kubabarira no kugira impuhwe, dufasha abayikoze gusaba imbabazi kugira ngo dushobore kubaka amahoro mu gihugu cyose.

7. Basaserdoti, biyeguriyimana, bakristu bavandimwe, nagira ngo ndangize ubu butumwa mfatanya na bagenzi banjye Abepiskopi kubaha umugisha wa gishumba, aho muri hose.

***"Muri iyi minsi twibukaho Pasika ya Nyagasani, Imana ishobora byose yaducunguje urupfu n'izuka by'umwana wayo Yezu Kristu, nahore abarinda ibyago byose cyane cyane muri iki gihe cya Koronavirusi, maze ku bw'impuhwe ze, abasakazemo ingabire z'umugisha we. Nahe imitima yanyu kwibanda ku magambo ye kugira ngo mushobore gutunga umunezero uhoraho iteka. Nuko nimusobanukirwa n'ibitunganye, muzahore mugenda mu nzira y'amategeko ye kandi muzinjire mwu ijuru, musangire umurage n'abarituye.***

***Ushobora byose nabahe umugisha, Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina".***
Tubifurije mwese umunsi mukuru mwiza wa Pasika.

Bikorewe i Butare ku wa 09 mata 2020

+ Rukamba

✠ Filipo **RUKAMBA**,
Umwepiskopi wa Butare, akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda.

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C EP R
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *